Icyo navuga ku mivugo ya
Padiri GAHINDA ~~Mathias~~ Matiyasi

— Muri rusange iyi mivugo ni myiza imbere n'inyuma.

— Ingingo zivugwa ndabona atari ngombwa kuzirondora, gusa icyo navuga ni uko zishingiye ku ngingo remezo y'ingiza kamaro mu ~~Rao~~ buzima bw'umunyarwanda: iyobokamana.
Hari n'indi mivugo muri iyo yerekeye ibirori n'iminsi mikuru, ariko yose ndasanga igusha kuri ya ngingo remezo iyobokamana. Umuhanzi yacengeye kandi yacengewe n'umuco wa kiliziya.

— Iyo mivugo irogeye umusomyi, ariko uwashobora kuyumvisha amatwi ho byarusha. Harimo ikinyarwanda kinoze. Amagambo arugitse neza kandi urasanga ko umuhanzi yagiye ayatoranya neza; icyakora usanga ~~ku muntu~~ umuntu watomye ubuhanzi nk'ubwa Kagame usanga ko amagambo ya GAHINDA atari umwimerere: akunze gutira cyane mu byo yasomye. Ariko ibyo ntabyo bitwaye kuko ayo magambo atabusanye n'ibitekerezo umuhanzi ageza ku bamwumva.

— Ikindi umuntu yashimira umuhanzi w'iyi mivugo ni injyana. Iyo njyana ye ntirambirana kuko hose itameze kimwe

— Nshyigikiye rwose ko iyi mivugo itangazwa kuko uwayanditse ~~watse~~ yayanditse abikunze, azi icyo akora. Imaze igihe ariko umuntu arayisoma akumva imugeze ku mutima.

— Na none mu gutegura ita-
ngazwa ryayo, hari ibintu bibiri byagombye
kwitabwaho:

a) gukosora inyandiko hakurikijwe imyandikire yemewe ~~tuko~~ ikurikizwe muri iki gihe kuko nasanze umwanditsi w'iyi mivugo yarayanditse akurikije imyandikire yahoze ihanze.

b) Kugenda berekana igihe buri muvugo wahimbiwe n'ibintu bishobora kuba byarongoreye umuhanzi. Ibyo byafasha umusomyi kurushaho gusobanukirwa.

GASIMBA F.X.
16/11/87